# AMASHAKIRO.


| | | Urupapuro. |
|---|---|---|
| 1. | Ijambo ry'ibanze. | |
| 2. | Intangiriro. | 1 |
| 3. | Kongera umusaruro wacu ni byo dukesha imibereho yacu. | 3 |
| 4. | Guhuza neza ubuhinzi n'ubworozi. | 5 |
| 5. | Gukangura no guhagurutsa imbaga y'abaturage. | 6 |
| 6. | Ibibazo byacu tugomba kubishakira umuti dukomeje. Tubyitondere kandi tutishuka. | 7 |
| 7. | Ubworozi bwa kijyambere ni ngombwa mu kongera umusaruro w'ubuhinzi. | 8 |
| 8. | Kuvugurura ubuhinzi bwacu no kurwanya isuri. | 11 |
| 9. | Akamaro k'uburezi mu nzira y'amajyambere yacu. | 12 |
| 10. | Ibihingwa by'amoko menshi no guhinga imyaka iberanye n'uturere. | 12 |
| 11. | Kurwanya ibitwangiriza ubutaka. | 14 |
| 12. | Amazi ni isôko y'ubuzima. | 15 |
| 13. | Kwihaza ku bwiza n'ubwinshi bw'ibiribwa. | 15 |
| 14. | Gushyiraho uburyo bwo kugurira abaturage ibyabo. | 19 |
| 15. | Kwibonera ibidutunga niwo murimo wacu w'ibanze. | 20 |
| 16. | Gufata ubutaka neza nibyo dukesha ubuzima. | 21 |
| 17. | Revorisiyo mu bigo by'ubushakashatsi mu buhinzi. | 23 |
| 18. | Dukeneye ifumbire y'amatungo k'uburyo budasubirwaho. | 24 |
| 19. | Kweza byinshi bigomba kuba intego ya buri munyarwanda. | 25 |
| 20. | Tugomba gutera amshyamba ku misozi yacu yambaye ubusa. | 27 |
| 21. | Ibihingwa ngandurarugo n'ibihingwa ngengabukungu bigomba kubangikana nta biryamiye ibindi. | 29 |
| 22. | Gushyiraho ibiciro no gutunganya uburyo bwo guhunika | 30 |
| 23. | Gushinga inganda zitunganya ibikomoka k'ubuhinzi-bworozi n'ibiribwa. | 31 |
| 24. | Kurwana ku burumbuke bw'ubutaka bwacu. | 32 |

# IJAMBO RY'IBANZE.

Mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, cyane cyane ibyo muri Afurika, hari ikibazo gikomeye cyo kubona umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi-bworozi uhagije ndetse ibyinshi muri byo bihora byugarijwe n'inzara. Nta kuntu kandi amajyambere nyakuri ashobora kugerwaho ibibazo byo kubonera abaturage ibiribwa bihagije bitabanje gukemurwa.

Mu gihugu cyacu abaturage biyongera ubutitsa kandi ubutaka buhingwa burushaho kuba ingume buri mwaka ni ngombwa ko imirimo y'ubuhinzi-bworozi yagenerwa imari ihagije yo kuyiteza imbere kugira ngo abaturage bashobore kwihaza ku bibatunga, bahunike ibizabagoboka mu minsi mibi kandi haboneke n'ibishobora gucururizwa mu mahanga bizana amadevize yo guhaha ibyangombwa byo kongera umusaruro n'ibindi bikoresho bikenerwa. Ibyo rero ni poritiki igamije intego ihambaye kandi ari umurimo w'igihe kirekire, ugomba kugerwaho nta kwishuka, intego zigamijwe, ingorane ziboneka n'inzira zo gukurikizwa byose bikarebanwa ubushishozi.

Kubera ko igihugu cyacu ari iyo poritiki yo kwihaza ku biribwa cyahisemo kandi kikaba cyatiyemeje kugenera imirimo y'ubuhinzi-bworozi imari ikwiriye, byari ngombwa ko iyo poritiki itunganywa k'uburyo bunononsoye.

Umukuru w'Igihugu cyacu niwe watubimburiye atanga amabwiriza abonereye uwo murimo; ntiyigeze ahwema kwibutsa ayo mabwiriza no kuyongeraho andi, kugira ngo abashinzwe amajyambere y'igihugu cyacu bose, baba abo mu nzego za poritiki cyangwa iz'ubutegetsi, iza tekinike cyangwa abahinzi-borozi ubwabo, bashobore kubona inzira bakurikiza batunganya porogaramu z'imirimo bashinzwe.

Kuva Repuburika ya kabiri yashingwa, Umukuru w'Igihugu mu nkunga atera amajyambere y'Ubuhinzi-bworozi bw'u Rwanda mu myaka 12, umunani yawuhariye ubwo buhinzi-bworozi.

1. 1974 : Umwaka w'Ubuhinzi
2. 1975 : Kongera umusaruro
3. 1978 : Umwaka w'Ubworozi
4. 1980 : Gufata ubutaka neza
5. 1982 : Kurwanya isuri
6. 1983 : Gutera amashyamba

.../...

Turifuza ko abashinzwe imirimo bo mu nzego zose, baba abanyaporitiki, abategetsi, abatekinisiye, abakora imirimo yose yo kuzamura ubukungu, n'abahinzi-borozi ubwabo bakora bakurikije amabwiriza Umukuru w'Igihugu cyacu, Nyakubahwa Jenerali-Majoro HABYARIMANA Yuvenali, Perezida wa Repuburika, akaba na Perezida Fondateri wa MRND yaduhaye.

Bikorewe i Kigali, ku wa 10 Ukuboza 1985

Minisiteri y'Ubuhinzi, Ibworozi
n'Amashyamba.-

Minisiteri y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba irashimira Ubuyobozi bwa OPROVIA inkunga bwayiteye kugira ngo aka gatabo kandikwe.

INTEGO N'AMABWIRIZA BYEREKEYE MINISITERI
Y'UBUHINZI, UBWOROZI N'AMASHYAMBA
(1973 - 1985)

---

INTANGIRIRO.

Muri Disikuru-Porogaramu ye yo ku wa mbere Kanama 1973, Umukuru w'Igihugu yasobanuye ingingo shingiro zagombaga kuyobora abategetsi ba Repuburika ya kabiri. Ayo mabwiriza akaba ari nayo shingiro ryo kureba ibyagezweho na buri Ministeri.

Kugira ngo abaturage bakangurirwe kongera umusaruro kandi imibereho ya buri muturarwanda wese irusheho kuba myiza, Umukuru w'Igihugu yasanze ari ngombwa ko buri mwaka yajya ashyiraho intego igomba gukurikizwa.

Ni bwo umwaka w'1974 wiswe Umwaka w'Ubuhinzi. Intego zaje gukurikiraho zerekanye ukuntu imibereho y'abaturage ihora yitaweho tubikesha kongera umusaruro (1975).

1976, Umwaka wa Muvoma
1977, Umwaka wo Gutura neza
1978, Umwaka w'Ubworozi
1979, Umwaka w'Uburezi
1980, Umwaka wo gufata neza ubutaka
1981, Umwaka wo gushaka no gukoresha amazi meza
1982, Umwaka wo kurwanya isuri
1983, Umwaka wo gutera amashyamba
1984, Umwaka wo kongera umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo
1985, Umwaka wo kongera umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo dufumbira imirima yacu.

N'ubwo ariko buri mwaka wagiye uhabwa intego yawo kugira ngo buri muturarwanda ayiteho, ntibivuga ko muri icyo gihe gito ibigamijwe byose bishobora kuba byagezweho. Ahubwo bigamije kugaragaza imwe mu ntego nkenerwa zigomba gukurikizwa k'uburyo bw'umwihariko muri icyo gihe kugira ngo umugambi w'Igihugu wo gutsura amajyambere uzashobore kugerwaho.

.../...

Inzira ni izi:

- Gushakira umusaruro mwiza mu mihingire ya kijyambere, tukarwanya isuri, tugakoresha ifumbire neza kandi tukagena umugambi wo gutunganya imirimo yo gutsura amajyambere mu cyaro.

- Gukoresha impano zose Igihugu cyacu gifite (imiterere, ijuru ryaho, umubare w'abaturage) kugira ngo ibyo dushobora kweza no gucuruza ahandi birusheho kutugirira akamaro.

- Gutunganya imihunikire y'imyaka kugira ngo abayeza barusheho kuyongera kandi ibiciro byayo mu gihugu bigire ishingiro byoye guhora bihindagurika. Ibyo byafasha abahinzi bose kugurisha ibyo bejeje ku giciro cyibafitiye akamaro gihwanye n'imvune bagize. Imikorere nk'iyo igomba gushyirwaho ku byerekeye gutunganya no gucuruza ibikomoka ku bworozi.

- Gushakira abaguzi b'ibyo twohereza mu mahanga mu bihugu byinshi kugira ngo turusheho kudapfirwa n'amayira.

KONGERA UMUSARURO WACU NI BYO DUKESHA IMIBEREHO YACU.

Umwaka w'1974 wiswe " Umwaka w'Ubuhinzi". Abashinzwe kuyobora ubuhinzi basabwe kongera umurego ku murimo wabo.

Ubukungu bwacu bushingiye ku buhinzi kandi bizamara igihe bikimeze bityo. Umwaka w'1974 wagombaga gusiga twongereye umusaruro w'ibihingwa byacu, cyane cyane ibyo dushobora gucururiza mu mahanga (ikawa, icyayi, imboga, ibireti...). Abashinzwe kuyobora ubuhinzi bagombaga kandi gushaka uburyo twakongera umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo bishobora gucururizwa mu mahanga. Imbaraga zacu ubwacu nizo zizadukura mu bukene zigatuma n'abadutera inkunga bagira aho bahera.

Mw'ihugurwa ry'Abagoronome n'Abaveterineri ba Perefegitura ryabaye ku wa 7 Ukwakira 1974, Umukuru w'Igihugu yongeye kubibutsa icyo abaturage babatezeho: kuba bashinzwe amajyambere y'Igihugu cyane cyane mu buhinzi-bworozi. Abagoronome n'Abaveterineri b'abanyarwanda bagize imana yo kubona amashuri bakigira ubwo bumenyi bagomba kubugeza ku bandi banyarwanda kugira ngo bugirire abaturage bose akamaro.

.../...

Nta handi duteze amakiriro hatali ukongera umusaruro wacu. Ngiyo intego igomba kugezwa ku banyarwanda bose. Abagoronome n'Abaveterineri bagomba kuyobora abaturage mu nzira y'amajyambere, kubasobanurira uko bashobora kongera umusaruro wabo ariko cyane cyane kuberekera uko babigeraho. Bakabatoza kuvumbura uturimo tw'ingirakamaro, bakabakangurira gushinga amashyirahamwe y'ubuhinzi n'ubworozi. Umukuru w'Igihugu yibukije b'Agoronome na ba Veterineri ko ibirima by'Aba "colon" bagiye ari umutungo wa Leta byahabwa amashyirahamwe yo kongera umusaruro. Kimwe n'ubundi butaka bwa Leta bwagiye bugulishwa abantu k'uburyo budahwitse, ko nabwo bugomba kubarurwa bugasubira mu maboko ya Leta nabwo bugahabwa amashyirahamwe yo kubukoresha. Umukuru w'Igihugu yabwiye Abategetsi ba Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ko batagomba guha abagoronome n'abaveterineri bayobora amanota y'ishimwe bahereye kuri raporo babazanira mu biro gusa. Yabumvishije ahubwo ko bajya bamutumira ubwe cyangwa Abategetsi ba Minisiteri bakaza kwirebera ibyo bo n'abaturage bayobora bagezeho. Ngubwo uburyo bwo kubona akamaro kabo.

GUHUZA NEZA UBUHINZI N'UBWOROZI.

Intego y'1975 " Twongere umusaruro wacu", ngiyo intego yibutsa buri munyarwanda kongera umurego k'umurimo we.

Umwaka w'1975 wabaye umwaka wo guhuza ubuhinzi n'ubworozi kimwe no kugera kuri porogaramu yo guhunika no gucuruza neza imyaka.

Igihe Perezida wa Repuburika yasozaga ingendo ze mu gihugu cyose kuli 20 Gicurasi 1975, yasabye ko hashyirwaho uburyo bwo guhinga no korora kijyambere. Kurwanya isuri bikitabwaho, hagaterwa imbuto z'indobanure, hakaboneka amatungo meza, imfizi nziza zikabangurirwa ho, hakabaho n'ibiraro ntangarugero.

Mu turere dutuwe bikabije, amatungo akaringanizwa n'ubutaka buhari kandi agahingirwa ubwatsi. Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ikarushaho kwita ku ntego yahawe ku ya mbere Kanama 1973 yo kwegera abaturage bo mu cyaro kurusha uko byari bimeze mbere. Impuguke zo muri iyo Minisiteri zikiyumvisha kurusha buri wese ko " Intego yo kongera umusaruro ku banyarwanda iterekeye politiki gusa, ahubwo ari iyo gutuma abaturage b'igihugu cyacu bashobora kuramuka".

.../...

**IBIBAZO BYACU TUGOMBA KUBISHAKIRA UMUTI DUKOMEJE, TUBYITONDEYE KANDI TUTISHUKA.**

Mu cyaro rero intego ikaba iyo kongera umusaruro w'ibiribwa by'amoko anyuranye.
Uburyo bwo kugera ku ntego twiyemeje muri urwo rwego bukaba kwigisha gucengeza no kuyobora abaturage mu nzego z'amaserire ya Muvoma zo kongera umusaruro. Ubuyobozi bw'imirimo y'ubuhinzi-bworozi muri za Perefegitura no muri za Komini rero bukavugururwa kugira ngo imirimo yo kongera umusaruro ikorwe neza kurushaho mu makomini ahumeka umwuka mushya.

Kubera ko ubutaka buhingwa ari bukeya kandi ababuhinga bo bakaba benshi ariko ugasanga budakoreshwa k'uburyo buhagije, ibyo rero bigomba kuvaho, ubutaka butoya dufite tukabubyaza byinshi dukoresheje uburyo bushobotse bwose.

Kugira ngo ingingo zo kongera umusaruro dushobore kuzigeraho tugomba kubihagurukira twese. Mu buhinzi tugomba kwihatira kongera umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo, dukurikiza amabwiriza atangwa n'impuguke zibigenewe (kurwanya isuri, gutera imbuto z'indobanure, gufumbira, kuyobora amazi mu milima no kumutsa ibishanga...).

U Rwanda rufite imisozi ihanamye, isuri igatwara ubutaka ibujyana muri Nili no muli Zaïre bigatuma ubuhinzi bwacu buhazaharira, tugomba rero gukora uko dushoboye kose tukarwana ku ubutaka bwacu. Niyo mpamvu imirimo yo kurwanya isuri yitaweho cyane mu bikorwa by'umuganda no mu mirimo ihemberwa n'amafaranga yo mu ngengo y'Imali isanzwe ikoreshwa mu gihugu. Nyuma y'ibyo rero tugahagurukira imirimo yo kongera umusaruro twifashishije ibikoresho bya kijyambere, dukoresha n'ifumbire mvaruganda. Umuhinzi-mworozi w'umunyarwanda agomba gucengerwamo no gufatanya ubuhinzi n'ubworozi k'uburyo byombi biba magiririrane, ubuhinzi bukamufasha korora amatungo y'ingirakamaro nayo kandi akamuha ifumbire nziza kandi nyinshi imwongerera umusaruro w'ibihingwa.

.../...

Ni nako Manifeste ibitegeka, igira iti "Tugomba rero, dufatanyije twese abanyarwanda, kandi ali twe tubyigirira, kureba uburyo buboneye bwo gukoresha ubutaka bwacu, tukabwinjizamo ubuhinzi n'ubworozi bya kijyambere".

Abantu benshi bazi ko Igihugu cyacu ari Igihugu cy'ubworozi. Ariko rero kuva kera, umunyarwanda yiyumvishaga ko ubworozi ari ubw'inka gusa.

Muzi ko kera , inka yari igikoresho cyatumaga abantu bamwe bahaka abandi. Ariko Revolusiyo yacu yo muri 59 yatumye abanyarwanda biyumvisha ko inka atari yo yonyine ifite agaciro. Ntibitangaza kubona ko muri iki gihe amatungo magufi kimwe n'amatungo manini, yitaweho cyane mu gihugu cyacu, kandi akaba ahesha ishema nyirayo. Abaturage b'Igihugu cyacu bazi ko icyo gihe cyo hambere cyashaje kandi ko ubworozi bw'iki gihe butagamije gukandamiza abandi no kunyunyuza imitsi yabo.

Turashaka ko mwumva neza ko ubworozi, muri iki gihe tugezemo, ari kimwe mu bizatuma abaturage bagira amajyambere. Abo baturage bakeneye inyama, bakeneye amata, bagomba kandi no kubona ifumbire ikomoka ku matungo kugira ngo ubutaka bwabo butabacika, no kugira ngo burusheho kwera.

Iyo tuvuze ubworozi rero, ntituba dushaka kuvuga gusa amatungo manini. Nk'uko mubizi, Igihugu cyacu gifite inzuri nkeya cyane. Kubera ubwo buke bw'inzuri rero, ntitugomba gutungira ubwinshi, cyangwa se kuzireba amahembe gusa. Ahubwo tugomba kugira amatungo dushoboye gutunga neza, akatugirira akamaro akakagirira n'Igihugu.

Tuzi ko hari uturere tutabibonekamo inzuri. Turashaka ko muri utwo turere, hororerwa amatungo magufi: nk'inkoko, ingurube, inkwavu, ihene, intama, amafi n'ibindi. Ayo matungo magufi nayo, iyo afashwe neza, uretse guha umuhinzi w'umunyarwanda amafaranga ahagije, ashobora no gutuma arya neza, kuko abikeneye cyane.

Twese rero tworore, buri munyarwanda uko yishoboye, n'icyo ashoboye, abakuru n'abato, abanyeshuri n'abasilikare b'inzego zose, ibigo by'abihaye Imana, abategetsi, abakozi ba Leta, ibigo by'urubyiruko n'iby'abari mu bihano.

Uko Minisiteri isabwa guhagurukira ibikorwa byo guhuza ubuhinzi n'ubworozi k'uburyo bw'ingirakamaro, isabwa no gushaka uburyo yabwiriza kandi yafasha igihe bishobotse aborozi kwishyira hamwe ku murimo wabo no kuwuteza imbere.

Urebye rero gushyigikira no guteza imbere ubworozi bw'ingirakamaro bishingiye kuri izi ngingo, akaba ari na zo ziri mu mugambi wacu wa kabiri w'imyaka itanu wo gutsura amajyambere.

- Kubonera abaturage ibiribwa bihagije;
- Kuba imwe mu ngingo z'imena zo kongera umusaruro mu buhinzi-bworozi;
- Guteza imbere ubukungu bwacu ducuruza ibikomoka ku matungo.

KUVUGURURA UBUHINZI BWACU NO KURWANYA ISURI.

Ku wa 5 Nyakanga 1978 igihe twibukaga imyaka 16 dusubiranye Ubwigenge bwacu, imyaka 5 ya Repuburika ya kabiri n'imyaka itatu ya M.R.N.D., Nyakubahwa Jenerali-Majoro HABYARIMANA Yuvenali, Perezida wa Repuburika yatubwiye ko tutagomba kubona ibitangaza, twashaka uko tuvugurura ubuhinzi bwacu, ubutaka bw'u Rwanda bugashobora gutunga abana barwo n'ubwo tudahwema kwiyongera.

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi igomba kwita cyane cyane ku ukugeza ku baturage bo mu cyaro ibyagezweho n'ibigo by'ubushakashatsi nka ISAR. N'ubwo tutavuga ko ibyagezweho bihanitse cyane, ariko biragaragara ko imbuto z'indobanure zimaze gutangwa ari nyinshi kandi na ba moniteri agri bo guhugura abaturage bakaba bamaze kwiyongera.

Kurwanya isuri byatangiye gukorwa aho bikenewe. Gutera amashyamba mu gihugu byarahagurukiwe, umunsi w'Igiti mu Rwanda urabigaragaza. Ubu nta gace na gato k'ubutaka bw'u Rwanda tugomba kuvuga ko ntacyo kamaze. Utereye akajisho usanga ahantu henshi bavugaga ko ntacyahemera ubu hateye ibiti kandi bikura.

Ikibazo na none cy'ibanze ni ukongera umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo kugira ngo abaturage biyongera kurusha ubukungu bw'igihugu babone ibibatunga.

.../...

Ku mishinga yo kongera umusaruro umuhinzi-mworozi akeneye ho imari yo kumufasha, Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi isabwe gutegura imyigire-mbonera y'imishinga ikurikije buri karere k'u Rwanda kugira ngo ifashe abahinzi-borozi bifuza gukora kijyambere kuba basaba inguzanyo mu bigo bibishinzwe kugira ngo bagere ku ntego nshya zo kongera umusaruro nko gukoresha ifumbire mvaruganda.

Icyo gikorwa kandi Minisiteri igomba kukibangikanya no gutegura uburyo mu myaka iri imbere twazagera kw'ivugururura ry'imikoreshereze y'ubutaka nk'uko bisabwe mu mugambi wo gutsura amajyambere kugira ngo tubukoreshe neza. Ubwo buryo ni ikarita y'Igihugu y'imiterere y'ubutaka, amoko y'ubutaka n'icyo bukwiye gukoreshwa, itegeko rigenga imikoreshereze y'ubutaka n'uburyo bworoheje bwo gupima ubutaka no kwandika abafite uburenganzira bwo kubukoresha mu gihugu cyose.

Agoronome na Veterineri bagomba kureka akamenyero ko guhora mu biro, bakegera abaturage, bakaberekera uburyo bwiza bwo kurwanya isuri, uko bahinga kijyambere, uko bafumbira, uko borora neza bakabageza ho imbuto z'indobanure.
Ubumenyi bwo mu mashuri ni bwiza ariko ntacyo bwamara buheze mu mpapuro gusa.

Igomba kugira uruhare muri poritiki yo guhunika imyaka no guhahirana k'uturere kugira ngo ibiribwa bikenewe bikwire hose kandi n'ibiciro byoye guhindagurika.

Umugambi w'imyaka itanu wo gutsura amajyambere udusaba ko ubutaka bwose bushobora guhingwa twabukoresha ntibwiharirwe na bamwe batabuhinga ahubwo imikoreshereze yabwo ikavugururwa.

Usaba kandi ko hashyirwaho imidugudu yo kugerageza ahataraturwa cyangwa ahagitangira guturwa mu makomini ateranyijwe mu turere twose tw'igihugu.

Kongera umusaruro w'ibihingwa ngadurarugo ni intego y'ibanze ariko rero n'uw'ibihingwa byo gucururiza mu mahanga ni ngombwa; twibuke ko bituzanira 64 % by'amadevize dukenera yo gutumira ibyo tudafite iwacu asigaye akaba azanwa n'amabuye y'agaciro.

.../...

Kuva Repuburika ya kabiri yashingwa Umukuru w'Igihugu yafashe intego yo kutwereka umugambi tugomba gushyiraho imbaraga zacu buri mwaka kugira ngo tuzagere ku majyambere.

Umwaka w'1981 wabaye ikubitiro ry'igihe cy'Imyaka Icumi kw'isi yose cyo gushaka amazi meza no gutunganya ibinamba.

AMAZI NI ISOKO Y'UBUZIMA.

Mu gihugu cyacu: 1981 wiswe "Umwaka wo gukwiza amazi meza mu cyaro".

Amazi ni isoko y'ubugingo. Guverinema igomba kwiga no gushyiraho poritiki iboneye yerekeye amazi, abaturage nabo bakaba bashyizeho akabo kugira ngo bishakire amazi meza atabatera umuze. Abaturage n'Abategetsi babo bo mu cyaro bagomba gufatanya gukoresha no gusana imiyoboro y'amazi bafite kugeza ubu. Twagize Imana u Rwanda rufite amazi ahagije, igisigaye ni uko twayakoresha k'uburyo agirira ubuzima bwacu n'imizamukire y'igihugu akamaro.

KWIHAZA KU BWIZA N'UBWINSHI BW'IBIRIBWA.

Ku itariki ya 5 Nyakanga 1981, Umukuru w'Igihugu yavuze ibimaze kugerwaho n'Umugambi wa Kabiri wo Gutsura Amajyambere yerekana ukuntu ingingo enye ziwugize zatoranyijwe neza, nizo z'izi:

- Kubona ibiribwa bihagije abanyarwanda;
- Gukoresha neza ingufu z'abaturage;
- Kuzamura imibereho myiza ya buri muntu n'iy'abaturage bose;
- Kuzamura urwego u Rwanda rurimo ugereranyije n'ibindi bihugu.

Muri izo nzira, kwihaza m'ubwiza n'ubwinshi bw'ibiribwa bisaba ko twagabanya ibidindiza amajyambere y'ubuhinzi bwacu. Bimwe ni nk'ubutaka buhingwa butoya, imibangikanire myiza y'ubuhinzi, amashyamba n'ubworozi tutarageraho, kimwe n'ibyo ubutaka bugenerwa byaba imari cyangwa imirimo ya tekinike, ku bireba ibihingwa ngandurarugo n'ibihingwa ngengabukungu bicururizwa mu mahanga tutibagiwe n'izindi ngingo zose zireba imishinga yo gutsura amajyambere mu cyaro.

Kugira ngo dushobora kwizamura ubwacu, imirimo ikorerwa mu cyaro igomba gutungana kandi igakoranwa umwete. Kugira ngo iyo ntego igerweho ibigo bya Komini byo kwihugura ubutitsa nibyo bigomba guhuriza hamwe imirimo yo gukangura imbaga no kwamamaza. Amazu yabyo n'ibikoresho bigomba kuba bihagije mu makomini yose kandi bikagira ubuyobozi rusange mu rwego rwa Perefegitura n'urw'igihugu.

.../...

Mu nama y'Abakuru b'ibihugu by'Afurika n'u Bufaransa yabereye i Bujumbura yavuzwemo ibibazo byerekeranye n'ubukungu muri Afurika ibyo bibazo bikaba birimo ibireba ibiribwa, Umukuru w'Igihugu cyacu yavuze ko mu Rwanda Intego yo gushakira abanyarwanda ibiribwa bihagije yakomeje kuba ingingo y'imena mu migambi yacu yo gutsura amajyambere. Iyo twibutse inzara zajyaga zitera mu gihugu cyacu mu myaka yo hambere, tukareba ukuntu muri Afurika abanyarwanda ari twe dufite abaturage benshi mu gihugu ugereranyije n'uko kingana, tukabona ukuntu ubutaka duhinga bukomeza kuba ingume, dusanga nta kindi cyadutabara uretse umugambi wo kongera umusaruro w'ibidutunga.

Yavuze mu magambo make ingingo zimwe na zimwe tugomba gukurikiza kugira ngo dushobore kwihaza ku biribwa. Muri izo ngingo iz'imena zadufasha kubonera abanyarwanda ibiribwa bihagije ni izi:

- Kugena umugambi wo kongera umusaruro sibyo byonyine byatugeza ku ntego yo kubona ibiribwa biduhagije;

- Kubona ibidutunga bihagije bijyana n'amajyambere mu byerekeye imibereho n'ubukungu, imiterere y'ibidukikije, na poritiki bifite uruhare ku mibereho y'abanyacyaro;

- Kubona ibidutunga bihagije bigomba kandi gushyigikirwa n'ubukungu butajegajega buhora bwiyongera ari mu gihugu cyose ari muri buri karere kandi imicungire rusange y'ubukungu bwacu ikita cyane kubyo igihugu gikeneye.

Kugira ngo abaturage babone ibibatunga bihagije tubikesha mbere na mbere abahinzi-borozi ubwabo, nibo nkingi y'ubukungu bwacu ntabwo ari Ubutegetsi, si Guverinema, ahubwo ubwenge, ingufu n'ubushake bwabo nibyo shingiro ryo kubona ibiribwa, imigambi twiyemeza rero yose igomba kubashyigikira kugira ngo tugere ku ntego yo kwihaza ubwacu.

Udukorwa dutoya hirya no hino tudateguye neza ntacyo dushobora kugeraho. Umugambi ni uwigiwe rimwe, ingingo zawo zose zikanononsorwa, poritiki igomba gukurikizwa igasuzumwa, ababishinzwe bakungurana ibitekerezo, umutungo wacu tukawukoresha neza, ibigo bya Leta n'ibindi ifitemo uruhare bigakora neza, nguko uko dushobora kwigeza ku majyambere nyakuri yaduha uburyo bwo kwihaza ku bidutunga.

.../...

GUSHYIRAHO UBURYO BWO KUGURIRA ABATURAGE IBYABO.

Kuva aho tuboneye ubwigenge imigi yacu yagiye ikura mu kajagari nta pula-nyobozi kandi byihuta k'uburyo butacyekwaga. Ibyo byaje gutuma abaturage bagomba kugurirwa ibyabo, babura aho bahinga, abatuye mu migi nabo bagahora ku nkeke yo kutagira icyizere cyo kuzaguma aho batuye.

Kugira ngo ibyo bibonerwe umuti, Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi na Minisiteri y'Imirimo ya Leta n'Ingufu zahawe amabwiriza yo kubarura bidatinze amazu ari mu mbago z'imigi kandi bigakorerwa rimwe na rizima, ibibanza bitangirwa ubuntu mu rwego rwo gutura neza bigapimwa, bigatangwa, imihanda igaharurwa.

Gukoresha ubutaka bigomba kuba k'uburyo bw'ingirakamaro kandi rero ibihingwa ngandurarugo niryo shingiro ry'ubukungu bwacu. Igihe bibaye bikeya, umusaruro ukaba ntawo, ibiciro bikaba intica ntikize, umuhinzi ntabwo azemera guhingira gucuruza ahubwo azajya agunira amaboko ku bimutunga gusa. Ibyo rero ntabwo bizatuma imikorere ya kijyambere igerwaho, ibihingwa byo kohereza mu mahanga ntibizagwira, uturere ntituzagera ku bihingwa bitubereye twihariye. Mu magambo make rero ubukungu bushingiye ku bihingwa ngandurarugo sibwo majyambere, ahubwo buyatera inkunga.

Niba rero ubutaka bugomba gukoreshwa neza, imbaraga nyinshi zigomba kugendera ku kurwanya isuri, gukoresha ifumbire yo mu ngarane n'ifumbire mva-ruganda, guhuza ubuhinzi n'ubworozi kugira ngo twongere umusaruro bityo tuzashobore kwihaza ku biribwa.

Kubona ifumbire ikomoka ku matungo bisigaye biruhije kubera ko ubworozi bw'inka busubira inyuma ubutitsa bitewe n'abaturage bakomeza kwiyongera. Kugira ngo icyo kibazo kibonerwe umuti, Guverinema yatangije porogaramu y'ubworozi bw'amatungo magufi. Ibigo byo kuyakwiza byarubatswe i Kabuye, mu Ruhengeri, i Butare n'i Cyangugu. Ibindi bigo by'ingereka bizubakwa kugira ngo kuyakwiza birusheho kwihuta.

.../.

Kugira ngo kurwanya inzara bishoboke kandi dushobora no kuziba icyuho gikunda guterwa n'ibihe bihinduka, Guverinema izakomeza poritiki yayo yo guhahirana k'uturere no gukomeza umurego wo gukwiza ibigega byo guhunikamo imyaka y'ingoboka twizigamira ibidutunga.

Kongera umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo nibyo tugomba kwibandaho, ariko ibihingwa ngengabukungu nabyo bigomba kugera ku musaruro uhagije, umuturage akabibona mo inyungu ihagije igihugu nacyo kikabona amadevize gikeneye mu bukungu bwacyo. Ibyo byose rero bigomba kuringanizwa buri karima kagahingwa mo icyo kagenewe. Kubera iyo mpamvu ikarita y'imiterere y'ubutaka n'icyo bugenewe izakorwa.

Igihe umuhinzi atarashobora kubona ibikoresho bihagije nk'ifumbire, imbuto, imiti n'ibindi bikoresho akeneye ubuhinzi ntibuzatera imbere. Umuhinzi rero agomba guterwa inkunga kugira ngo ashobore kweza byinshi kandi anabihunike neza.

Kugira ngo umuhinzi yemere gushaka uburyo bwo kongera umusaruro agomba kuba yizeye kuzagurisha ibyo yejeje neza.

GUFATA UBUTAKA NEZA NIBYO DUKESHA UBUZIMA.

1982 : "Umwaka wo kurwanya isuri".

Igihugu cyacu gifite ubuso bwa Ha 2.638.800, muri zo Ha 1.853.593 nizo zishobora gukorerwaho imirimo y'ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba. Ariko rero ubutaka bwiza bwabaye ingume kubera ko bwakoreshejwe igihe kirekire budafashwe neza. Kubera ko ahanini ubutaka bwacu butwarwa n'isuri ya rukukumbashingwe, ubushakashatsi buriho ubu bwerekana ko ku Rusumo ni mw'irembo ry'u Rwanda kandi, buri segonda hanyura kiro 30 z'ubutaka bwacu buducika. Ni ukuvuga ko buri mwaka dutakaza ubutaka bungana na Ha 180 z'ubutaka bwiza buhingwa. Ubwo butaka butwarwa rero ni ubwo hejuru bigatuma rero byanze bikunze imirima ikomeza kurushaho kurumba.

Igihe cy'ubukoronize cyari cyadusigiye imirwanyasuri myinshi mu gihugu (iteyeho ubwatsi n'iyo butariho). N'ubwo yari yakozwe ku gahato bwose ikibabaje ni uko twamaze kubona ubwigenge nti twongere kuyitaho. Repuburika ya kabiri imaze gushingwa ni bwo Guverinema yabonye ikibazo gikomeye yemeza ko gufata amaterasi meza, imingoti n'ibyatsi biyiteyeho, guhinga intambike n'ibindi byose bishobora kurwanya isuri no kurumbura ubutaka ari imirimo igomba guhagurukirwa mu buhinzi bwa kijyambere.

.../...

Abategetsi bo mu cyaro bagomba kubihagurukira byimazeyo bagashyigikira imbaraga z'abaturage kandi bakiyumvisha neza ko umutungo wacu w'"Ubutaka" icyorezo cy'isuri kiwuri nabi. Abaturage nabo bakumva neza ko gufata ubutaka neza ariyo makiriro y'abanyarwanda.

Guverinema y'u Rwanda izakomeza gutera abaturage inkunga ibakorera za pepiniyeri z'amashyamba, ibashakira n'icyororo cy'ubwatsi bwo gutera ku mingoti, ibaha ibikoresho bya ngombwa n'impuguke zo kubafasha. Kugira ngo icyo gikorwa gikomeye kandi cy'ingirakamaro kizatungane tutibutse ibiterekwa twasheshe, ni ngombwa ko uruhare runini rw'Umuganda rwaharirwa uwo murimo.
Uko guhagurukira imirimo yo kurwanya isuri no gufata neza ubutaka bw'abavukarwanda bose bigomba guterwa inkunga n'itegeko rihamye ribigenga kimwe n'itegeko ryerekeye gukoresha amashyamba no kuyafata neza. Ibyo rero ntibigomba kurangirana n'umwaka umwe gusa ahubwo bigomba kutubera imbarutso yo kongera kwibuka ikibazo cyo gufata umutungo wacu w'"Ubutaka" neza k'uburyo bushobotse bwose.

Ubwiyongere bw'abaturage butuma imirima bahinga irushaho kuba mikeya, isuri nayo igakomeza kubumaramo isa kandi intego yacu ari ukongera umusaruro. Hak'aba n'izindi mpamvu zituma ubutaka bwacu bwononekara. Twavuga nk'imisozi ihanamye, imvura y'umurindi itwara ubutaka, ubutaka bwambaye ubusa budashobora kurinda imivu y'imvura, inkubi y'umuyaga n'imirase y'izuba.

Abagize za Komite za serire, abajyanama ba Komini, ba Burugumesitiri na ba Agoronome bagomba kumvisha buri munyarwanda wese ko ikibazo cyo gufata ubutaka neza ari icyacu twese kandi ko amabwiriza yose atangwa agomba kubahirizwa. Gutera amashyamba no gucukura imingoti bigomba gukorwa ejo igihugu cyacu kitagiraga uko gisa kitazahinduka agasi ka yihande. Nta munyarwanda n'umwe wifuza ko u Rwanda rwejo twaburaga ubutayu, dukenyere rero turwane k'ubutaka bwacu.

REVORISIYO MU BIGO BYACU BY'UBUSHAKASHATSI MU BUHINZI.

Kubera ko intego yacu ari ukongera umusaruro, kurwana k'ubutaka byonyine ntibihagije, tugomba no kuburumbura kugira ngo burusheho kwera.

.../...

Iyo fumbire ariko yonyine ntihagije, igeragezwa ry'ifumbire mvaruganda rikorwa henshi mu gihugu rigomba kwerekana iberanye n'ubutaka bwacu. Dushobora no kwizera ko mu gihe kitali kure twazashobora gukoresha umwuka wa "Méthane" wo mu Kiyaga cya Kivu. Bityo tukazabona ifumbire irimo wa munyu bita "azote" utuma imyaka ikura neza.

<u>Ibirombe by'ishwagara bimaze kuboneka byagombye gucukurwa kugira ngo haboneke ihagije yo gushyira mu butaka bukarishye.</u> Ibyo ubutaka bukeneye bikomoka ku bifite ubuzima bugomba kubisubizwa. Bityo rero ibisigazwa by'ibihingwa ntibigomba gucanwa. Kugira ngo ako kamenyero kaveho u Rwanda rwashyizeho "Umunsi w'Igiti mu Rwanda", kugira ngo haboneke ibiti bihagije byo gukora imirimo ibisaba yose ariko kandi amashyamba akarwanya n'isuri. Ni ngombwa rero gutera amoko y'ibiti atangiza ubutaka ahubwo abufata neza.

<u>KWEZA BYINSHI BIGOMBA KUBA INTEGO YA BURI MUNYARWANDA.</u>

Twibuka isabukuru y'imyaja 20 tumaze Igihugu cyacu gisubiranye ubwigenge, Umukuru w'Igihugu yatubwiye ko kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ibiribwa ari intego Guverinema yiyemeje. Muri iyi myaka 20 ishize ariko birababaje ko uwo musaruro utiyongereye nk'uko umubare w'abaturage wiyongera.

Birababaje kandi kubona umusaruro w'umuturage n'ibimutunga byarasubiye hasi y'urugero rwemewe kw'isi yose? Kwiyongera bwangu by'abaturage bituma ubutaka bahinga bubabana butoya, imirimo itari iyo mu buhinzi ikiri mike, ubutaka bukomeza gucuyuka, imirima irushaho kuba mito kandi uburyo bwo kongera umusaruro w'ahato hahinzwe butaragerwaho neza, guhinga ahataberanye n'imyaka hari hagenewe urwuri cyangwa ishyamba, ibyo byose ni zo mpamvu z'ibahze zabangamiye kongera umusaruro w'ibiribwa.

Nubwo ibintu bikiri bikeya bwose, ariko birashimishije kubona mu Rwanda ntawe ukicwa n'inzara. Imbaraga zatangiye gutangwa kugira ngo abaturage babone ibibatunga bihagije zigomba gukomeza cyane cyane nko mu mishinga yo gutsura amajyambere mu cyaro. Kuba intego ya mbere y'Umugambi w'Igihugu wo Gutsura Amajyambere w'Ubukungu, Imibereho n'Umuco ari ukubonera abaturage ibibatunga bihagije, byerekana ko potitiki yacu ishaka gushyigikira ubuhinzi ibuha ibikoresho bihagije. <u>Porogaramu yatangiye yo kubaka amangazini yo guhunika imyaka n'ibigega bya za koperative bizafasha m'uburyo bwo kwizigamira ibidutunga no kuringaniza ibiciro mu masoko yo mu gihugu.</u>

.../...

## TUGOMBA GUTERA AMASHYAMBA KU MISOZI YACU YAMBAYE UBUSA.

Umwaka w'1983 " Umwaka w'Igiti".

Tugomba gutera amashyamba ku misozi yacu yambaye ubusa, tugatera ibiti ku mihanda. Dutere amashyamba turwanya isuri. Dutere amashyamba twirinda kubura inkwi zo gucana. Dutere amashyamba kugira ngo tubone ibiti byo kubakisha. Ariko kandi dutere n'ibiti byera imbuto ziribwa kugira ngo tuvugurure imirire yacu. Buri karere gakurikije ubushobozi bwako, uko ijuru ryaho rimeze n'uko ubutaka bwako buteye. Komini n'abaturage ku giti cyabo bakabyibwiriza. Leta nayo izakomeza kubatera inkunga ifasha abategetsi bo mu cyaro guhitamo aho batera ishyamba, n'amoko y'ibiti yo kuhatera kandi ikanahibigisha uburyo bwiza bwo kuzakoresha ayo basanganywe n'andi bazatera.

Ku wa 5 Nyakanga 1983 abanyarwanda bizihije mu byishimo byinshi iminsi mikuru itatu y'imena mu mateka yarwo yo muri iyi myaka ya vuba. Iyo minsi mikuru ni umwaka wa 21 dusubiranye Ubwigenge bwacu, imyaka 10 Repuburika ya kabiri imaze ishinzwe n'imyaka 8 turi muri M.R.N.D. Umukuru w'Igihugu yatwibukije intego yagiye aduha kuva mu 1974 n'ibyo tumaze kugeraho mu myaka cumi.

Kuva Repuburika ya kabiri yashingwa, ikibazo cy'ibitunga abantu cyakomeje kuba mu by'ingenzi kuko ari cyo ubuzima bwacu bushingiyeho.

Kwihaza ku bidutunga, niyo ntego y'ibanze y'imigambi yacu yo gutsura amajyambere mu bukungu, mu mibereho no mu muco. Imibereho yacu myiza, ishema ry'abanyarwanda imizamukire n'imibereho myiza yacu tuzabigeraho tubanje kugera kuri iyo ntego.

Kugira ngo ikibazo cy'ubuke bw'umusaruro n'ubwibitunga abantu dushobore kukibonera umuti burundu, ni ngombwa ko poritiki y'igihugu ikomeza kongera ibiteza ubuhinzi imbere, ibituma umusaruro wiyongera byose bikavugururwa, umuhinzi wese agacengerwamo n'intego yo guhora akora uko ashoboye kose kugira ngo yeze byinshi kurushaho, hagashyirwaho n'inzego zo gutegura, kuyobora no gukurikirana imitunganyirize ya za porogaramu zateganyijwe.

.../...

Impinga z'imisozi zari zambaye ubusa n'ubutaka bwangiritse cyane -ubu biraterwa amashyamba tubikesha ishyirwaho ry'Umunsi w'Igiti mu Rwanda n'Umwaka w'Igiti, bityo amazi y'imvura akazajya yinjira mu butaka neza kandi n'ibiti dukeneye tukabibona. Uretse amashyamba yatewe n'Imishinga minini nk'Umushinga Mbonera w'Amashyamba wo ku Kibuye, Umushinga w'Ubuhinzi- Amashyamba n'Ubworozi wo muri Gishwati-Butare na Kigali, Umuganda ubwawo wateye Ha nyinshi z'amashyamba. Z'avoka n'ibindi biti byera imbuto ziribwa byaratewe kugira ngo indyo y'abanyarwanda irushe-ho kuba nziza. Ubutaka bumaze kurindwa isuri nibwo bushobora kurumbu-rwa n'ifumbire, bukakira imbuto z'indobanure k'uburyo zigira umusaruro w'ingirakamaro. Na none muri izo nzira zo gushaka indyo nziza, ubworo-zi bwatewe inkunga. Ubwiyongere bw'Abanyarwanda n'ukuntu dukeneye ibyubaka umubiri tugomba kuvugurura ubworozi bwacu ntitwororere ubugari nka kera ahubwo tukihatira korora k'uburyo bwa kijyambere buringaniza urwuri n'amatungo kandi ubworozi bugaterana inkunga n'ubuhinzi. N'ubwo ubworozi bw'inka butaratera imbere cyane, dushobora kwishimira intera tumaze kugeraho mu bworozi bw'amatungo magufi tubikesha ibigo byo kuyakwiza mu baturage by'i Kabuye, mu Ruhengeri, i Butare n'i Cyangugu, uwo mugambi ugera no mu mishinga yo gutsura amajyambere nayo iyatanga mu turere ikoramo.

<u>IBIHINGWA NGANDURARUGO N'IBIHINGWA NGENGABUKUNGU BIGOMBA KUBANGIKANA NTA BIRYAMIYE IBINDI</u>.

Kuva Repuburika ya kabiri yatangira yihatiye guteza imbere ubuhinzi bw'imyaka ngandurarugo ariko bitabangamiye ubuhinzi bw'imyaka ngengabukungu bizana amadevize arenze 80 % kandi biri kuri 4 % by'ubuso buhingwa. Kugira ngo umusaruro w'ubuhinzi n'ibidutunga wiyongere, ugomba kuba ushingiye k'ubushakashatsi mu buhinzi buhamye kandi buberanye n'igihugu cyacu kandi bukagezwa ku bahinzi-borozi. Birababaje ariko ko ubushakashatsi mu buhinzi, cyane cyane ku bihingwa ngandurarugo by'ibanze butaragera ku myanzuro igaragara. Ibyakorewe mu bigo by'ubu-shakashatsi nti byaharenze ngo bigere mu baturage, ariko nti byatubu-za kwishimira ko Guverinema yitaye ku kuvugurura uburyo bwo kwamama-za ubuhinzi no kwigisha impuguke zo kuyobora abaturage.

.../...

1984 "<u>Umwaka wo kongera umusaruro w'Ibihingwa ngandu-rarugo</u>".

Umwaka w'1984 wabatijwe umwaka wo kongera umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo. Ibyo bivuga ko umurego wo kurwanya isuri utagomba gutezuka, kwamamaza imbuto z'indobanure, gufumbira imirima yacu dufatanyije ubuhinzi n'ubworozi byose tugomba kubyitaho kugira ngo abaturarwanda bamererwe neza.

<u>GUSHINGA INGANDA ZITUNGANYA IBIKOMOKA K'UBUHINZI-BWOROZI N'IBIRIBWA</u>.

Ku itariki ya 8 Mutarama 1984, igihe Perezida wa Repubulika yarahiraga atangiza n'Inteko ya kabiri y'Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere yongeyeye kwibutsa ko kwiga uburyo bwo gutunganya ibiribwa kugira ngo bishobore gucururizwa mu masoko yo mu gihugu n'ayo mu bihugu bidukikije ari umurimo ugomba kwitabwaho cyane. <u>N'ubwo ari ngombwa guteza imbere uburyo bwo guhunika ibiribwa tugomba kwibuka ko bigira aho bigarukira tugashaka uburyo bwo kugera ku nganda zo gutunganya ibiribwa nk'ibishyimbo, tomati, ibirayi.... kimwe n'ibyubakisho</u>. Tugomba kandi no gushaka uburyo bwo gukoresha ibisaguka ku biribwa n'ibiva mu nganda (ibishishwa by'imbere by'ikawa, ibikatsi by'isukari, umurama w'umuceri n'ingano, ibivuzo byo mu rwengero n'ibindi...). Ibyo kandi bigomba kujyana no gukwiza inganda mu gihugu cyose zikegera aho ibyo zitunganya bikomoka kugira ngo bicogoze kwirukira mu migi kw'abatuye mu cyaro.

Kongera umusaruro w'ibiribwa ni umurimo Guverinema igomba kwitaho kurusha iyindi. Minisiteri y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba niyo ya mbere ishinzwe uwo murimo w'imena wo kugira ngo abanyarwanda bashobore kwihaza ku biribwa. Niyo igomba gushyigikira mbere na mbere abahinzi-borozi bo dukesha ibidutunga, ikabavuganira hose kandi iteka. Imbaraga zayo zigomba gufasha abanyacyaro gutera imbere binyuze mu mishinga yo gutsura amajyambere rusange mu cyaro no kwamamaza imbuto z'indobanure. Gufatanya ubuhinzi n'ubworozi kandi nabyo tugomba kubihoza ku mutima. <u>Tuzi ko ubworozi buduha ibitunga umubiri by'imena, ariko kandi twibuke ko butanga n'ifumbire imirima yacu ikeneye kuko tutagishobora kuyiraza kugira ngo yisubire</u>. Twibuke kandi ko urwuri rwanga rukaguma, ubworozi bwacu rero nta kuntu twabukomeza tudashatse ubundi buryo bwo kubyifatamo. Niyo mpamvu Minisiteri y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba igomba gushyiraho ikigo cyo gutunganya ibiryo by'amatungo.

.../...

<u>Birumvikana ko tutareka gukoresha ifumbire mvaruganda, ariko tuzi ko gukoresha amafumbire n'imiti bikorewe mu ganda k'uburyo burenze urugero bihumanya cyangwa bikangiza ubutaka, ibihingwa, amazi n'ibindi bikaba byagirira nabi abahinzi, ababikoresha n'abatunzwe n'ibisaruwe aho byakoreshejwe</u>.

Bigomba rero gukoreshwa k'uburyo bwiza bwitondewe bikatwongerera umusaruro bitatwangirije naho ifumbire yindi tugomba kuyikoresha tubishishikariye guhera ubu, tubikesha amabwiriza nyayo ahabwa abahinzi-borozi n'impuguke zibigenewe kandi zibasanga mu mirima yabo. Abahinzi-borozi rero basabwe kongera umurego kuri uwo murimo bakajya barebera ku rugero rwa bagenzi babo babizobereyemo no ku mishinga yo gutsura amajyambere iri mu gihugu. Uwo rero ni umurimo twese abashaka amajyambere mu bukungu bw'igihugu cyacu tugomba guhuriraho. Naho rero ku byerekeye ifumbire mvaruganda twahawe n'ibihugu by'amacuti mu rwego rw'ubutwererane igomba gukoreshwa bikurikije pula yabyo yizwe k'uburyo bw'ingirakamaro.

---